Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu

B.P. 269 Kigali - Tél. : 34 30 / (+250)788304878
Email : info@cndp.org.rw
Website : http://www.cndp.org.rw
Twitter : @HumanRightsRW
Facebook : NCHR

ITANGAZO RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU KU MATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE N'AB'INAMA Z'IGIHUGU YO MU UKWAKIRA N'UGUSHYINGO 2021

Komisiyo y'igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, ishingiye ku nshingano ihabwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 yo guteza imbere uburenganzira bwa Muntu n'inshingano yihariye yo kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa Muntu mu matora ihabwa n'Itegeko N° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 ryahinduwe n'Itegeko N° 61/2018 ryo ku wa 24/08/2018 rigena inshingano, imiterere n'imikorere byayo;

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye mu Turere 23 ibikorwa byo kwiyamamaza n'ibikorwa by'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yabaye mu kwezi k'Ukwakira n'Ugushyingo 2021, mu byiciro byayo byose kuva ku mudugudu kugera ku rwego rw'Igihugu hagamijwe kureba uko uburenganzira bw'abiyamamaza, ubw'abatora, n'ubw'indorerezi bwubahirizwa.

Komisiyo yagenzuye ibikorwa bibanziriza amatora birimo ibijyanye no kwakira, kwemeza no gutangaza kandidatire n'ibikorwa byo kwiyamamaza kw'abakandida, isanga byarakozwe mu mucyo no mu bwisanzure. Komisiyo yasanze kandidatire z'abifuza kujya mu Nama Njyanama z'Uturere zaratanzwe ku buryo bw'ikoranabuhanga hagamijwe kwirinda ikwirakwiza ry'icyorezo cya COVID-19. Ibikorwa byo kwiyamamaza na byo byakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga ku mbuga nkoranyambaga, kwiyamamaza imbere y'inteko itora ndetse n'uburyo bwo kumanika amafoto ahabugenewe.

Komisiyo yakurikiranye ibikorwa by'imyiteguro y'amatora isanga ku biro by'itora hari hateguye neza, hari isuku kandi hari ibirango byerekana ko hari amatora, hanacungiwe umutekano. Komisiyo yanakurikiranye ibikorwa by'amatora nyirizina mu byiciro byose isanga uburenganzira bw'abatora n'abatorwa bwarubahirijwe. Abakandida bose ku mwanya bifuza bahabwaga igihe kingana cyo kwiyamamariza imbere y'Inteko itora. Ibarura n'itangaza ry'amajwi byakozwe mu mucyo no mu mutekano. Uburenganzira bw'indorerezi n'abahagarariye abakandida bwarubahirijwe kuko nta wabujijwe gukurikirana ibikorwa by'amatora. Muri aya matora kandi, ihame ry'uburinganire ryarubahirijwe kuko abagore bashishikarijwe kwiyamamariza imyanya itandukanye. Uburenganzira bw'abafite ubumuga n'abanyantege nke bwarubahirijwe kandi amatora yabereye ku biro by'itora biborohereza.

Komisiyo yakurikiranye ibikorwa bya nyuma y'amatora isanga nta kujurira cyangwa amakimbirane byakurikiye amatora.

Ishingiye ku igenzura yakoze, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu isanga muri rusange amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yarakozwe mu mucyo, mu bwisanzure, mu ituze no mu mutekano kandi hubahirizwa ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID-19.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu irashimira Abanyarwanda bubahirije uburenganzira n'inshingano byabo byo kugira uruhare mu miyoborere y'igihugu bitorera abayobozi bazabahagararira mu nzego zitandukanye kandi ibashishikariza gukomeza kubahiriza izo nshingano.

N'ubwo amatora yagenze neza muri rusange, Komisiyo isanga hari ibikwiye kwitabwaho na Komisiyo y'Igihugu y'amatora birimo:

- Gukomeza guhugura abakorerabushake n'abagize inteko itora ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora kugira ngo bose basobanukirwa neza imigendekere y'amatora;

- Kurushaho gusobanurira Abanyarwanda bose n'abagize Inteko itora by'umwihariko, uburyo amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu akorwamo;

- Kurushaho kubahiriza amasaha y'amatora nk'uko aba yagenwe mu mabwiriza agenga amatora.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu izakomeza guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa Muntu mu byiciro byabwo bitandukanye.

Bikorewe i Kigali, ku wa 01 Ukuboza 2021

MUKASINE Marie Claire
Perezida wa Komisiyo.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu
- RWANDA -
CNDP - NCHR